



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI K'UKWAKIRA 2017

10 Ugushyingo 2017

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI K'UKWAKIRA 2017

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi k'Ukwakira 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 3,6% mu kwezi gushize k' Ukwakira 2017 ugereranyije n'Ukwakira 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeli 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 3,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 3,6% mu kwezi k'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 6,4%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 2,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamatseho 3,3%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2017 n' Ukwakira 2016, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamatseho 2,9%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2017) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeli 2017) ibiciro byazamatseho 1,2%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 2,9%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize k'Ukwakira 2017 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 6,3% ugereranyije n'Ukwakira 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cyenda (Nzeli 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 8,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 6,3% mu kwezi k'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 5,7% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamatseho 51,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2017) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeli 2017) ibiciro byiyongereyeho 1,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 1,6% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 3,4%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize k'Ukwakira 2017 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 5,3% ugereranyije n'Ukwakira 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeli 2017) byiyongereyeho 7,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 5,3% mu kwezi kwa cumi 2017 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,0%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 5,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 23,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2017) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2017) ibiciro byiyongereyeho 1,4%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,0% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,9%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2016 kugeza m'Ukwakira 2017.

	Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Ukwakira 2016 kugeza Ukwakira 2017 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije												
	2016			2017									
	10	11	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	7,4	6,4	7,3	7,4	8,1	7,7	7,3	6,5	4,8	3,5	3,2	3,8	3,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	10,0	10,6	13,0	14,5	16,2	15,7	15,9	14,5	11,8	10,5	9,4	8,9	6,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	9,1	9,1	11,0	12,0	13,4	13,0	12,9	11,7	9,4	8,1	7,2	7,1	5,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	1,4	0,1	0,3	-0,4	1,1	0,6	0,4	-0,2	-0,8	-0,1	0,2	1,1	1,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	4,0	0,7	-0,5	-0,3	2,3	1,5	0,7	-1,4	-1,2	0,1	0,9	1,9	1,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	3,1	0,5	-0,2	-0,3	1,9	1,2	0,6	-1,0	-1,0	0,0	0,6	1,5	1,4
<i>Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

Ku bindi bisobanuro:

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Directors:

MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Deputy Director General; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

SIBOMANA Oscar, Acting Director of Economic Statistics Department, NISR;

oscar.sibomana@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;

lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw